<p>(p) Gukora undi murimo wose ufiteye Ishyaka akamaro.</p> <p>(2) Perezida w'ishyaka ni we uhagararira Ishyaka mu buryo bwemewe n'amategeko. Inyandiko yose yitirirwa Ishyaka igomba kuba iriho umukono wa Perezida w'aryo cyangwa umusimbura yabihereye ububasha na Komite Nyobozi Nshingwabikorwa.</p> <p><u>Ingingo ya 28: Umubare ngombwa (Korumu) w'inama</u></p> <p>Umubare wa ngombwa (Korumu) w'inama ku rwego rw'igihugu:</p> <p>(a) Umubare wa ngombwa kugirango Inama za Kongere y'Igihugu, Komite Nyobozi y'Igihugu, Biro Politiki, Komite Nyobozi Nshingwabikorwa, iz'inzego z'ibanze, izinzego z'urubiruko n'izabagore kugirango ziterane igihe cyose ni 2/3 by'abayoboze bazigize bahari.</p> <p>(b) Iyo umubare ngombwa w'abagize inama utabonetse, iyo nama irasubikwa ikazongera gutumizwa igaterana nyuma y'iminsi 14 uherye ku muni yasubikiweho.</p>	<p>(p) To perform, any other duties for the furtherance of the party.</p> <p>(2) The President of the Party shall be the legal representative. All documents arising from the party offices shall be signed by the president or someone duly authorized by the Central Executive Committee.</p> <p><u>Article 28: The quorum for meetings</u></p> <p>The quorum of national level meetings:</p> <p>(a) The quorum for the National Congress, National Executive Committee, Political Bureau, Central Executive Committee, structures at local level, the youth and women shall, at all times, be 2/3 of the members present.</p> <p>(b) If the quorum is not realized on the first day, the meeting may be re-convened 14 days from the date of adjournment.</p>	<p>(p) Exécuter toute action bénéfique au Parti.</p> <p>(2) Le président du Parti est le seul représentant légal. Tout document relatif au Parti doit porter sa signature ou celle de son remplaçant autorisé par Comité Exécutif Central.</p> <p><u>Article 28: Le quorum des réunions</u></p> <p>Le quorum des réunions aux niveaux nationaux:</p> <p>(a) Le quorum de Congrès National, Comité Exécutif National, Bureau Politique, Comité Exécutif Central, du structures locales, du structures des jeunes et femmes se réunit si le 2/3 des membres effectifs sont présent.</p> <p>(b) Si la réunion n'a pas eu lieu, la réunion remplaçante sera convoquée dans 14 jours à partir de la date de la première réunion manquante.</p>
---	---	--

<p>(c) Ibyemezo bifatwa na buri rwego ku bwiganze bw'abayoboke baje mu nama.</p>	<p>(c) Decisions shall be binding by simple majority of members present during the meeting.</p>	<p>(c) Les décisions sont prises à chaque échelon par la majorité des membres présents.</p>
<p><u>Ingingo ya 29: Komite Nkemura Mpaka</u></p>	<p><u>Article 29: The Conflict Resolution Committee</u></p>	<p><u>Article 29: Le Comité de Résolution de conflits</u></p>
<p>(1) (1) Komite Nkemura Mpaka igizwe n'abantu batanu batorwa na Biro Politiki. Bagira manda y'imyaka itatu, ishobora kongerwa inshuro imwe gusa. Bitoramo Perezida, Visi-Perezida n'Umunyamabanga.</p>	<p>(1) The Conflict Resolution Committee is composed of five persons elected by the political bureau for a mandate of three years, renewable once. They chose amongst themselves the President, Vice President and the Secretary.</p>	<p>(1) Le Comité de Résolution de Conflits est composé de cinq personnes élus par le bureau politique pour un mandat de trois ans renouvelable une seule fois. Elles se choisissent parmi eux le président, le vice-président et le secrétaire.</p>
<p>(2) Komite Nkemura Mpaka iterana igihe cyose yagejeweho ikibazo mu nyandiko, igasuzuma ibirego by'impane zombi, ikagerageza kunga kandi igafata icyemezo mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu. Itanga raporo yanditse kuri Perezida w'Ishyamba, nawe akayishyikiriza Komite Nyobozi Nshingwabikorwa.</p>	<p>(2) The Conflict Resolution Committee meets every time it receives conflicting issues in writing, examines allegations of the two parties, attempts the conciliation process and takes its decision in a period not exceeding 30 days. It submits its report to the Party President, who also submits it to the Central Executive Committee.</p>	<p>(2) Le comité de Résolution des Conflits se réunit chaque fois qu'il est saisi par écrit, examine les allégations des deux parties, tente la conciliation et prend ses décisions dans un délai ne dépassant pas trente jours. Il soumet son rapport au Président du parti, qui le soumet également au Comité Exécutif Central.</p>
<p>(3) Komite Nkemurampaka ku nzego z'ibanze yo itorwa n'abagize kongere y'urwo rwego.</p>	<p>(3) The conflict resolution committee at local levels is elected by the congress at that level.</p>	<p>(3) Le comité de Résolution des Conflits aux niveaux locaux sont élus par le congrès qui ce niveau.</p>

<p><u>Ingingo ya 30: Komite Ishinzwe kugenzura Umutungo</u></p> <p>(1) Komite ishinzwe kugenzura umutungo igizwe n’abantu batatu batorwa na Biro politiki.</p> <p>(2) Abagize iyo komite batorerwa Manda y’imyaka itanu ishobora kongerwa.</p>	<p><u>Article 30: Committee in charge of audit</u></p> <p>(1) The Committee in charge of audit shall be made up of three persons elected by the Political Bureau.</p> <p>(2) Members of that Committee are for a term of five years’ renewable.</p>	<p><u>Article 30: Comité chargé de l’audit</u></p> <p>(1) Le Comité chargé de l’audit est constitué de trois membres élus par le Bureau politique.</p> <p>(2) Les membres de ce comité sont élus pour un mandat de cinq ans renouvelables.</p>
<p><u>Ingingo ya 31: Imikorere n’inshingano za Komite ishinzwe kugenzura Umutungo</u></p> <p>(1) Komite ishinzwe kugenzura umutungo, iyoborwa na Perezida yungirijwe na Visi Perezida. Kugenzura umutungo bikorwa rimwe mu mwaka n’igihe cyose bibaye ngombwa. Ishyikiriza raporo Komite Nyobozi Nshingwabikorwa.</p> <p>(2) Komite ishinzwe kugenzura umutungo ishinzwe kandi kugira inama abayobozi bashinzwe gucunga umutungo mu Ishyaka no gukora ikindi cyose yasabwa na Komite Nyobozi kitari mu nshingano z’urundi rwego.</p>	<p><u>Article 31: Functions and duties of the Committee in charge of audit</u></p> <p>(1) The Committee in charge of audit is chaired by the President assisted by the Vice President. Property inspection is done once a year and whenever necessary.</p> <p>(2) The committee in charge of audit is also responsible for advising the managers in charge of property management in the party and doing anything else requested by the Executive Committee that is not in the responsibility of another level.</p>	<p><u>Article 31: Fonctionnement et attributions du Comité chargé de l’audit</u></p> <p>(1) Le Comité chargé de l’audit est présidé par le Président assisté du Vice-Président. L’inspection de la propriété est effectuée une fois par an et chaque fois que nécessaire.</p> <p>(2) Le comité chargé de l’audit est également chargé de conseiller les gestionnaires en charge de la gestion immobilière dans le Parti et de faire toute autre chose demandée par le comité exécutif qui n’est pas de la responsabilité d’un autre niveau.</p>

<p>UMUTWE WA V: INZEGO Z'URUBYIRUKO N'ABAGORE</p> <p><u>Ingingo ya 32:</u> Inzego z'urubyiruko n'iz'abagore</p> <p>(1) Ishyaka rizagira inzego z'urubyiruko n'iz'abagore kuva ku nzego z'ibanze z'ubutegetsi kugeza ku rwego rw'igihugu;</p> <p>(2) Ingingo z'aya mategeko shingiro zirebana n'inzego z'ibanze ndetse n'inzego zo ku rwego rw'igihugu n'izo ziyobora inzego z'urubyiruko n'iz'abagore;</p> <p>(3) Ishyaka rizagira komite n'abarwanashyaka mu mashuri makuru na za kaminuza.</p>	<p>CHAPTER V: YOUTH AND WOMEN STRUCTURES</p> <p><u>Article 32:</u> Youth and women structures</p> <p>(1) The Party shall have Youth and women structures from local administrative levels to national level;</p> <p>(2) Articles in this Statutes concerning party structures at local levels and at the national level shall govern the Youth and women structures;</p> <p>(3) The Party shall have a committee and members in high institutions of learning and Universities.</p>	<p>CHAPITRE V: LES STRUCTURES DES JEUNES ET FEMMES</p> <p><u>Article 32:</u> Les structures des jeunes et femmes</p> <p>(1) Le Parti aura des structures des jeunes et des femmes depuis les niveaux administratifs locaux jusqu'au niveau national;</p> <p>(2) Les articles du présent statut concernant les structures du Parti aux niveaux local et national régissent les structures des jeunes et des femmes;</p> <p>(3) Le Parti aura un comité et des membres dans les hautes écoles et les universités.</p>
<p>UMUTWE WA VI: UMUTUNGO W'ISHYAKA</p> <p><u>Ingingo ya 33:</u> Inkomoko y'umutungo</p> <p>Umutungo w'ishyaka ugizwe na:</p> <p>(a) Imisanzu y'abayoboke;</p> <p>(b) Inkunga ya Leta, impano n'imirage;</p>	<p>CHAPTER VI: PARTY PROPERTY</p> <p><u>Article 33:</u> Sources of the Property</p> <p>Party property shall be composed of:</p> <p>(a) Contributions from members;</p> <p>(b) State grants, donations and bequests;</p>	<p>CHAPITRE VI: LA PATRIMOINE DU PARTI</p> <p><u>Article 33:</u> Sources du patrimoine</p> <p>Le patrimoine du parti est composé de:</p> <p>(a) Des cotisations de membres;</p> <p>(b) Des subventions de l'État, des dons et legs;</p>

<p>(c) Imari ikomoka ku bikorwa bitandukanye by'ishyaka;</p> <p>(d) Umutungo w'imukanwa n'utimukanwa;</p> <p>(e) Ibindi bitanyuranyije n'amategeko.</p>	<p>(c) Property from party self-help activities;</p> <p>(d) Immovable and movable property;</p> <p>(e) Any other means not contrary to the law.</p>	<p>(c) Les activités d'autofinancement du parti;</p> <p>(d) Les Immeubles, les meubles et mobiliers;</p> <p>(e) Autres moyens qui ne sont pas contraires aux lois.</p>
<p><u>Ingingo ya 34: Imicungire y'umutungo</u></p> <p>(1) Ingengo y'imari iteganirizwa umwaka uhera ku itariki ya mbere Nyakanga ukarangira kuwa 30 Kamena.</p> <p>(2) Biro Politiki y'Ishyaka yemeza uko umutungo wacunzwe, ikagena uruhare rujanishije rugenewe isanduku ku rwego rw'Igihugu n'urugenewe inzego z'ibanze.</p> <p>(3) Uburyo umusanzu w'abayoboke b'Ishyaka ungana kandi wakirwa bugenwa n'amategeko nengamikorere y'Ishyaka.</p>	<p><u>Article 34: Management of Property</u></p> <p>(1) The Party Budget approved by congress shall run from 1st day of July up to 30th June of every year.</p> <p>(2) The political Bureau shall approve annual expenditure, determine percentage for the national level and for local structures.</p> <p>(3) The procedures relating to members contributions shall be spelt out by Party internal rules and regulations.</p>	<p><u>Article 34: La gestion du patrimoine</u></p> <p>(1) La prévision budgétaire est prévue pour une année qui commence le 1^{er} du mois de juillet et se termine le 30 juin de chaque année.</p> <p>(2) Le Bureau Politique du Parti approuve le rapport d'exécution budgétaire, détermine le rôle du % de la Caisse Nationale et des structures locales.</p> <p>(3) Le montant de la cotisation des membres et les modalités de sa réception sont prévues par le règlement d'ordre intérieur du Parti.</p>
<p><u>Ingingo ya 35: Imikoreshereze y'umutungo</u></p> <p>Umutungo w'ishyaka ukoreshwa mu bikorwa bikurikira:</p>	<p><u>Article 35: Usage of the Property</u></p> <p>The party property shall be used for the following activities:</p>	<p><u>Article 35: L'utilisation du patrimoine</u></p> <p>Le patrimoine du parti sera utilisé pour les activités suivantes :</p>

<p>(a) Gukodesha amazu Ishyaka rikoreramo;</p> <p>(b) Ubwubatsi no gufata neza umutungo;</p> <p>(c) Guhemba abakozi;</p> <p>(d) Kuriha indamunite no kwishyura amafaranga y'ingendo z'abari mu butumwa mu gihugu no mu mahanga;</p> <p>(e) Kugura no gufata neza ibikoresho;</p> <p>(f) Kugura ibinyamakuru no kugura inyangandiko zikenewe;</p> <p>(g) Kwishyura ibyafasha Ishyaka no guteza imbere intego riyemeje haba mu gihugu cyangwa mu mahanga.</p>	<p>(a) Hiring office accommodation;</p> <p>(b) Construction and maintenance of the property;</p> <p>(c) Payment of staff salaries and allowances;</p> <p>(d) Payment of any indemnities and travel expenses within the country and outside the country;</p> <p>(e) Procurement and maintenance of equipment;</p> <p>(f) Subscription for newspapers and other basic documents;</p> <p>(g) Payment for anything that can enhance party activity in the country or outside the country.</p>	<p>(a) Location des bureaux pour les organes du Parti;</p> <p>(b) Construction et sauvegarde du patrimoine;</p> <p>(c) Rémunérer le personnel;</p> <p>(d) Payer les indemnités et les frais de mission dans le pays et à l'étranger;</p> <p>(e) Acheter et maintenir les équipements;</p> <p>(f) Payer les journaux et autres documents indispensables;</p> <p>(g) Payer tout ce qui contribue au développement du Parti.</p>
<p><u>Ingingo ya 36:</u> Uburyo bwo kwemeza gusohoka kw'amafaranga</p> <p>Amafaraanga azasohoka ari uko byemejwe na perezida, umubitsi n'umunyamabanga bo mu zego bireba.</p>	<p><u>Article 36:</u> Expenditure approval procedure</p> <p>All expenses shall be approved by the President, the treasurer, the secretary general at the relevant levels.</p>	<p><u>Article 36:</u> Procédure d'approbation des dépenses</p> <p>Toutes les dépenses seront approuvées par le Président, le trésorier, le secrétaire générale aux niveaux concernés.</p>

<p><u>Ingingo ya 37: Iyandikwa ry’umutungo</u></p> <p>(1) Umutungo wose wimukanwa n’utimukanwa wandikwa mu izina ry’ishyaka. Ntushobora kugurishwa, kugwatirizwa, kuguranwa cyangwa gutangwa bitemejwe na Komite Nyobozi ku rwego rw’Igihugu.</p> <p>(2) Umutungo wose ukoreshwa mu buryo bugamije kurangiza intego z’Ishyaka.</p>	<p><u>Article 37: Registration of the Property</u></p> <p>(1) All forms of property shall be registered in the Party name. It shall not be sold, exchanged, mortgaged or transferred without the consent of National Executive Committee.</p> <p>(2) All the property shall be used for the purpose for which it is intended.</p>	<p><u>Article 37: Enregistrement du patrimoine</u></p> <p>(1) Tout immobilier est enregistré sous le nom du Parti. Il ne peut pas être remplacé ou modifié sans l’accord du Comité Exécutif National.</p> <p>(2) Les biens sont utilisés uniquement dans le but d’atteindre ses objectifs.</p>
<p><u>UMUTWE WA VII: AMATORA Y’ABAYOBOZI B’ISHYAKA</u></p>	<p><u>CHAPTER VII: ELECTION OF PARTY LEADERS</u></p>	<p><u>CHAPITRE VII: LES ÉLECTIONS DU LEADERS DU PARTI</u></p>
<p><u>Ingingo ya 38: Gutegura no Kuyobora amatora</u></p> <p>(1) Amatora y’abagize Komite nyobozi Nshingwabikorwa y’Ishyaka Riharanira Demokarasi no Kurengera Ib dukikije mu Rwanda – DGPR Green Party, ategurwa kandi akayoborwa na Komite Nyobozi Nshingwabikorwa;</p> <p>(2) Komite Nyobozi Nshingwabikorwa Ishyiraho Komite idahoraho ishinzwe amatora igizwe n’abantu batatu (3) nibura umwe akaba ari umugore.</p>	<p><u>Article 38: Preparations and Governance of Elections</u></p> <p>(1) Elections for members of the Central Executive Committee of the Democratic Green Party of Rwanda, are prepared and governed by the Central Executive Committee;</p> <p>(2) The Central Executive Committee puts in place a temporally electoral committee in charge of the management of elections, composed of three individuals one being female. It</p>	<p><u>Article 38: Préparations et gouvernance des élections</u></p> <p>(1) Les élections des membres du Comité Exécutif Central du Parti Démocratique Vert du Rwanda sont préparées et régies par le Comité Exécutif Central;</p> <p>(2) Le Comité Exécutif Central met en place une commission électorale temporaire chargée de la gestion des élections, composée de trois personnes dont un doit être une femme. Elle</p>

<p>Ishinzwe kwakira no kwemeza kandidatire no gukoresha amatora.</p> <p><u>Ingingo ya 39: Ibyo ushaka kwiyamamaza aba yujuje</u></p> <p>(1) Umurwanashyaka wifuza kwiyamamariza umwe mu myanya ya Komite Nyobozi Nshingwabikorwa agomba kuba nibura amaze imyaka 5 ari umurwanashyaka kandi yarabaye cyangwa ari mu nzego nkuru z’Ishyaka.</p> <p>(2) Agomba kuba azwi mu Karere akoreramo ibikorwa bya Politiki, agomba kandi kuba afite nibura amashuri atandatu yisumbuye, azwiho kugira umurava, ubwitange n’ubunyangamugayo, afite imyitwarire myiza mu buzima bwite no mu kazi.</p> <p>(3) Agomba kandi kuba yubahiriza inshingano z’abayoboze ziteganywa n’amategeko nshingiro n’amategeko ngengamikorere ya DGPR-Green Party, cyane cyane kwitabira inama z’Ishyaka no gutanga umusanzu n’indi misanzu y’ishyaka yemejwe n’inzego z’ishyaka zibifitiye ububasha.</p>	<p>receives, approves the candidatures and conducts the elections.</p> <p><u>Article 39: Criteria for Candidates</u></p> <p>(1) A Party member who wishes to stand for one of the positions in the Central Executive Committee must have been in the party for at least 5 years and have been or be in the national party structures.</p> <p>(2) An aspiring candidate must be well known in the district structure where he/she exercises those political duties, must be at least a high-school graduate, known to be an active member, committed and a person of integrity, known for good conduct in normal life and at work.</p> <p>(3) The aspiring candidate should be one who respects the statutes and internal rules and regulations of DGPR-Green Party, especially attending party meetings, paying membership dues as approved by appropriate party organs.</p>	<p>reçoit, approuve les candidatures, et conduit les élections.</p> <p><u>Article 39: Critères pour les candidats</u></p> <p>(1) Un membre du Parti qui souhaite se porter candidat à l'un des postes au sein du Comité exécutif central doit être dans le Parti depuis au moins 5 ans et avoir été ou être dans les structures nationales du Parti.</p> <p>(2) Un aspirant candidat doit être bien connu dans la structure du district où il exerce ces fonctions politiques, doit être au moins un diplômé du secondaire, connu pour être un membre actif, engagé et une personne intègre, connue pour sa bonne conduite dans la vie normale et au travail.</p> <p>(3) Le candidat aspirant doit être celui qui respecte les statuts et les règles et règlements internes de la DGPR-GREEN PARTY, en particulier en assistant aux réunions du Parti, en payant les cotisations approuvées par les organes compétents du Parti.</p>
---	---	---

<p>(4) Mu bakandida batorwamo bagomba kuba nibura 50% ari abagore na 50% ari abagabo, mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'uburinganire. Ihame ry'uburambe mu Ishyaka naryo ryibandwaho.</p>	<p>(4) Among candidates to be elected, at least 50% must be women and 50% be men, this is in order to respect the gender balance policy. Seniority of party members shall also be a principle to be considered.</p>	<p>(4) Parmi les candidats à élire, au moins 50% doivent être des femmes et 50% des hommes, politique d'équilibre. L'ancienneté des membres du Parti doit également être un principe à considérer.</p>
<p><u>Ingingo ya 40: Uburyo bwo gutanga Kandidatire</u></p>	<p><u>Article 40: Mode of depositing of Candidatures</u></p>	<p><u>Article 40: Mode de dépôt des Candidatures</u></p>
<p>(1) Ushaka kwiyamamariza umwe mu myanya ya Komite Nyobozi Nshingwabikorwa ya DGPR-Green Party, atanga Kandidatire ku giti cye mu nyandiko agaragaza umwanya yifuza kwiyamamarizaho, yandikira komite inshinzwe amatora. Iyo nyandiko itanga amakuru yose akenewe, umukandida atanga kopi ebyiri (2) za dosiye.</p>	<p>(1) Any aspiring candidate in the Central Executive Committee of DGPR-Green Party personally submits his/her candidature in writing to the Electoral committee, clarifying the position he/she wishes to stand for. That dossier provides all the required information; the aspiring candidate provides two copies.</p>	<p>(1) Tout candidat aspirant au Comité Exécutif Central de la DGPR-GREEN PARTY, soumet personnellement sa candidature par écrit au Comité Électoral, en précisant le poste qu'il souhaite représenter. Ce dossier fournit toutes les informations requises; l'aspirant en fournit deux exemplaires.</p>
<p>(2) Kandidatire zishobora gutangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga bohereza kuri email z'Ishyaka cyangwa zikazanwa kuri biro y'Ishyaka. Amabwiriza y'Ishyaka agenga amatora abisobanura mu buryo burambuye.</p>	<p>(2) Candidatures can be submitted electronically to the party email address or be submitted at the party headquarters. The Party's electoral procedures shall provide more details.</p>	<p>(2) Les candidatures peuvent être soumises par voie électronique à l'adresse e-mail du Parti ou être déposées au siège du Parti. Les procédures électorales du Parti fourniront plus de détails.</p>
<p><u>Ingingo ya 41: Uburyo bwo gutora</u></p>	<p><u>Article 41: Voting Procedure</u></p>	<p><u>Article 41: Procédure de vote</u></p>
<p>Gutorera icyemezo bikorwa bashyize ukuboko hejuru, bahamagara buri muntu, cyangwa se</p>	<p>Voting shall be by show of hands, head count or secret ballot. The procedure to be used</p>	<p>Le vote pour une décision se fait par écrit, par main levée, ou en appelant chaque personne.</p>

<p>mu nyandiko. Uburyo bukoreshwa mu gutora bwemezwa inama igitangira.</p> <p><u>UMUTWE WA VIII: AMAKOSA N'IBIHANO</u></p> <p><u>Ingingo ya 42: Amakosa</u></p> <p>(1) Amakosa ahanirwa ni aya akurikira:</p> <p>(a) Gukora ibinyuranyije na politiki y'ishyaka, amategako n'amabwiriza y'Ishyaka;</p> <p>(b) Ibikorwa cyangwa imyifatire bisebya Ishyaka;</p> <p>(c) Kuyobya no guteza urujijo mu bayoboke ugamiye inyungu zawe bwite;</p> <p>(d) Kugira uruhare muri ruswa, kunyereza umutungo wa Leta n'uwabantu; n'ubundi buryo bwa ruswa butandukanye;</p> <p>(e) Gukoresha nabi ububasha wahawe.</p> <p><u>Ingingo ya 43: Ibihano</u></p> <p>(1) Ibihano biteganyijwe ni ibi:</p>	<p>during elections shall be decided upon at the commencement of the meeting.</p> <p><u>CHAPTER VIII: FAULTS AND SANCTIONS</u></p> <p><u>Article 42: Faults</u></p> <p>(1) The following faults shall call for disciplinary measures:</p> <p>(a) Doing anything that is contrary to party policies laws, rules and regulations;</p> <p>(b) Any act, omission or conduct that embarrasses the party;</p> <p>(c) Intentionally misleading or confusing party members;</p> <p>(d) Participating in bribery, embezzlement of public funds, misappropriation, and any other form of corruption;</p> <p>(e) Misuse and or abuse of office.</p> <p><u>Article 43: Sanctions</u></p> <p>(1) The following sanctions shall apply:</p>	<p>La procédure pour les élections est adoptée au début de la session.</p> <p><u>CHAPITRE VIII: LES FAUTES ET SANCTIONS</u></p> <p><u>Article 42: Les fautes</u></p> <p>(1) Les fautes suivantes sont sanctionnées comme suit:</p> <p>(a) Faire ce qui est contraire aux politiques du parti, sa constitution, et ses règlements d'ordre intérieur;</p> <p>(b) Actions ou comportements compromettants le Parti;</p> <p>(c) Détournement ou déviation volontaire de l'attention des membres pour ton propre compte ou intérêt;</p> <p>(d) Participation dans les pots de vin, détourner les ressources publiques et autres sortes de corruption;</p> <p>(e) Abus de confiance ou autorité.</p> <p><u>Article 43: Les sanctions</u></p> <p>(1) Les sanctions prévues sont:</p>
--	---	--

<p>(a) Kwihanangirizwa mu magambo;</p> <p>(b) Kwihanangirizwa mu nyandiko;</p> <p>(c) Guhagarikwa by'agateganyo;</p> <p>(d) Gusezererwa mu Ishyaka.</p> <p>(2) Igihano cyo gusezererwa mu Ishyaka cyemezwa na Biro Politiki mu itora rikozwe mu ibanga kandi ryanditse cyemejwe n'amajwi angana na 2/3 by'abayigize.</p> <p>(3) Nta gihano kigenerwa umuyoboke w'Ishyaka atabanje guhabwa uburyo bwo kwiregura.</p> <p>(4) Nyamara iyo Ishyaka riri mu kaga, Perezida w'Ishyaka amaze kubijyaho inama n'abagize Komite Nyobozi y'Igihugu ashobora guhagarika by'agateganyo uregwa kandi akabimenyesha urwego rwisumbuye mu gihe cy'iminsi irindwi, cyangwa se akabimenyesha Komite ishinzwe gukemura amakimbirane ishinzwe kugenzura imyifatire y'abayobokeye, nayo igahita yemeza, igabanya cyangwa isesa igihano mu gihe cy'iminsi 30. Uwahawe igihano</p>	<p>(a) Verbal warning;</p> <p>(b) Written warning;</p> <p>(c) Suspension;</p> <p>(d) Dismissal from the party.</p> <p>(2) The decision to dismiss a party member shall be taken by the political bureau during a meeting where 2/3 of the members shall vote in a secret ballot.</p> <p>(3) No disciplinary measures shall be taken against a party member without being given a fair hearing.</p> <p>(4) However, if the Party is at risk, the president in consultation with National Executive Committee may impose temporarily a sentence of suspension and inform the immediate higher organ within a period of 7 days or inform the conflict resolutions committee, which shall confirm, reduce or reject the sentence within 30 days. The person against whom a sentence has been passed shall appeal to next higher level.</p>	<p>(a) Avertissement verbal;</p> <p>(b) Avertissement par écrit;</p> <p>(c) Suspension par écrit;</p> <p>(d) Renvoyé du Parti.</p> <p>(2) La sanction de renvoyé du parti est du ressort du Bureau Politique à partir du vote de 2/3 des membres lors d'un vote secret.</p> <p>(3) Aucune sanction n'est prise pour un membre du Parti sans qu'il ait eu l'occasion de s'expliquer.</p> <p>(4) Toutefois si le Parti court un risque, le Président du Parti en commun accord avec le Comité National peut donner une sanction disciplinaire de suspension provisoire en informant l'instance supérieur endéans sept jours, ou encore peut informer la Commission chargée de la discipline des membres, laquelle Comité peut confirmer, diminuer ou rejeter la sanction dans une durée de 30 jours. La personne sanctionnée peut faire appel à l'organe supérieur.</p>
--	--	---

<p>ashobora kujuririra urwego rwisumbuye.</p> <p>(5) Uburyo bwo gutanga ibihano no kubishyira mu bikorwa bigenwa n'amategeko ngenyamikorere y'Ishyaka.</p> <p><u>UMUTWE WA IX: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya 44: Uburyo bwo gutumiza inama</u></p> <p>Inama itumizwa na Perezida wa buri rwego rutumiwe. Ubutumire bugomba kugaragaza ibigomba gusuzumwa. Bugezwa ku bayoboke hasigaye byibura iminsi irindwi mbere y'inama. Nyuma ya buri nama hakorwa inyandikomvugo. Iyo nyandiko mvugo yemezwa n'inama ikurikiyeho igashyirwaho umukono na Perezida w'inama n'Umwanditsi.</p> <p><u>Ingingo ya 45: Ihame ryo gukomeza</u></p> <p>Iyo umuyobozi yeguye, ahagaritswe cyangwa apfuye, asimburwa by'agateganyo n'umuyobozi wungirije, hanyuma hagatorwa umusimbura mu mezi atatu.</p>	<p>(5) The rules and regulations governing sanctions and their application shall be stipulated in the party internal rules and regulations.</p> <p><u>CHAPTER IX: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 44: Procedure to convene meetings</u></p> <p>Convening of a meeting shall be done by the president of the relevant organ. The notice convening the meeting shall indicate the items to be discussed, and shall be communicated to members seven days before the date of the meeting. All meetings shall have minutes, which shall be approved by the next meeting. These approved minutes shall be signed by the president and secretary.</p> <p><u>Article 45: Continuity Principle</u></p> <p>If a leader resigns, suspended or dies, shall be replaced temporarily by his or her vice-President and a permanent replacement shall be put in place within 3 months.</p>	<p>(5) Cette procédure de donner des sanctions et des modalités d'application sont prévues par le règlement d'ordre intérieur.</p> <p><u>CHAPITRE IX: LES PROPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article 44: Procédure de convoquée la réunion</u></p> <p>La réunion de chaque échelon du Parti est convoquée par le Président de ce niveau. L'invitation doit contenir l'ordre du jour et parvenir aux membres au moins sept jours avant la tenue de ladite réunion. À la fin de chacune, un procès-verbal doit être élaboré. Il sera approuvé lors de la réunion suivante puis signé par le secrétaire et le président.</p> <p><u>Article 45: Principe de continuité</u></p> <p>En cas de démission, de suspension ou de décès d'un leader, il est remplacé temporairement par son vice-président et un remplaçant permanent est mis en place dans un délai de 3 mois.</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 46: Gufata icyemezo kihutirwa</u></p> <p>(1) Bitanyuranyije n'amategeko shingiro, n'Itegeko Ngengamikorere ry'Ishyaka, Perezida, amaze kubyemererwa na Komite Nyobozi Nshingwabikorwa, ashobora gufata icyemezo kihutirwa kandi kigamije kurengera inyungu z'Ishyaka.</p> <p>(2) Icyo cyemezo kigomba gushyikirizwa Biro politiki kugira ngo cyemezwe burundu cyangwa se gisubirweho.</p>	<p><u>Article 46: Taking urgent decision</u></p> <p>(1) In accordance with the Party Statutes and Internal Rules and Regulations, the party president may, with the consent of the Central Executive Committee, make an urgent decision, which is in the highest interest of the party.</p> <p>(2) Such a decision shall be submitted to the Political Bureau for ratification.</p>	<p><u>Article 46: Prendre une décision très urgente</u></p> <p>(1) Sans préjudice aux statuts et le règlement d'ordres intérieur du Parti, le Président, en accord avec la Comité Exécutif Central, peut prendre une décision très urgente et non compromettante au Parti.</p> <p>(2) Cette décision devra être présentée au Bureau politique en vue de son approbation définitive.</p>
<p><u>UMUTWE WA X: ISESWA</u></p>	<p><u>CHAPTER X: DISSOLUTION</u></p>	<p><u>CHAPITRE X: DISSOLUTION</u></p>
<p><u>Ingingo ya 47: Uburyo bwo guseswa</u></p> <p>(1) Ishyaka riseswa n'abayoboke bangana na 2/3 by'abayoboke baje muri Kongere y'Igihugu.</p> <p>(2) Ishyaka riramutse risheshwe ku bushake bw'abayoboke baryo, Kongere y'Igihugu yemeza kwegurira umutungo waryo irindi shyaka bihuje amatwara cyangwa Leta y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 47: Procedure for dissolution</u></p> <p>(1) The Party can be dissolved by two-thirds (2/3) of the members present during the National congress.</p> <p>(2) In case of voluntary dissolution of the party, the national congress shall determine which existing party to bequeath the property to, provided that such party shares the same policies or to the State of Rwanda.</p>	<p><u>Article 47: Procédure de la dissolution</u></p> <p>(1) Le Parti ne peut être dissous que par la décision de 2/3 des membres du Congrès National présents.</p> <p>(2) En cas de dissolution volontaire du parti, le Congrès National décide de léguer ses avoirs à un autre Parti Politique aux mêmes aspirations politiques ou à l'État du Rwanda.</p>

<u>UMUTWE WA XI: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER XI: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE XI: ARTICLES FINAUX</u>
<p><u>Ingingo ya 48: Inzibacyuho</u></p> <p>Ibidateganyijwe n'iri tegeko shingiro bizajya bishakirwa mu mategeko ngengamikorere y'Ishyaka no mu mategeko n'amabwiriza ya Repubulika y'u Rwanda. Iyo habayeho kuvuguruzanya hagati y'amategeko y'Ishyaka n'ay'Igihugu, ay'igihugu ni yo akurikizwa.</p>	<p><u>Article 48: Transition</u></p> <p>Any matter not provided for in this constitution and not included in internal rules and regulations shall be interpreted in accordance with the provisions of the national laws. In case of conflict between party laws and national laws, national laws will prevail.</p>	<p><u>Article 48: Transition</u></p> <p>Ce qui n'est pas prévu par cette constitution se retrouvera ou interprétera dans les règlements d'ordre intérieur du parti ou dans les lois, règlements et directives de la République du Rwanda. En contradiction entre les lois du parti et nationales, les lois nationales primeront.</p>
<p><u>Ingingo ya 49: Ingingo y'ururimi</u></p> <p>Aya mategeko y'Ishyaka yateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p>	<p><u>Article 49: Language provision</u></p> <p>This statute was drafted in Ikinyarwanda.</p>	<p><u>Article 49: Disposition linguistique</u></p> <p>Ce statut a été rédigé en Ikinyarwanda.</p>
<p><u>Ingingo ya 50: Gutangira gukurikizwa</u></p> <p>Aya mategeko y'Ishyaka atangira kubahirizwa ku muni ashiriweho umukono.</p>	<p><u>Article 50: Entry into force</u></p> <p>These Statutes come into force on the day of their signature.</p>	<p><u>Article 50: Entrée en vigueur</u></p> <p>Les présents Statuts entrent en vigueur le jour de leur signature.</p>

Kigali, 13/05/2023

(sé)

Dr. HABINEZA Frank

Perezida w'Ishyaka DGPR-GREEN PARTY

President of the DGPR-GREEN PARTY

Président du DGPR-GREEN PARTY

(sé)

MAOMBI Carine

Visi-Perezida w'Ishyaka DGPR-GREEN PARTY

Vice President of the DGPR-GREEN PARTY

Vice-Président du DGPR-GREEN PARTY

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere	Rwanda Governance Board RGB	Office Rwandais de la Gouvernance
---	--	--

Kigali, 28/07/2023

Annex: DETAILS ON THE POLITICAL ORGANISATION

Name of the Organization: Democratic Green Party of Rwanda (DGPR)

Headquarters/ Address: Gasabo

Legal Representative and Party President: Dr. HABINEZA Frank

Deputy Legal Representative and Party Vice President: MAOMBI Carine

Registration N°: 01/PP/DGPR/RGB/2013

Date of issue: 09/08/2013

Type of Organization: Political Organization

Mission: To promote democracy and protection of environment in Rwanda.

(Sé)

Dr. KAITESI Usta
Chief Executive Officer